

IRIBURIRO

Nshimishishijwe no kubagezaho **IGITABO GIKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA ABAGANA RWANDA TEACHERS COLLEGE (RTC).**

Itegurwa ry'iki gitabo ryashingiye kuri gahunda ya Leta y'ivugurura ry'Inzego z'Imirimo ya Leta; kikaba kigamije gusubiza ibyifuzo by'abagenerwabikorwa, gukorera mu mucyo no gukangurira abakozi kurushaho kwita ku nshingano zabo bubahiriza uko bikwiriye amahame agenga serivisi bagomba gutanga.

Iki gitabo kirerekana kandi icyerekezo, intego, inshingano n'indangagaciro shingiro bya Rwanda Teachers College. Kiribanda kuri serivisi duha abatugana; muri urwo rwego, ushaka serivisi akaba ashobora kubonamo ibiro bishinzwe gutanga serivisi yifuza, ibisabwa kugira ngo ayihabwe n'igihe ntarengwa bifata kugira ngo ayibone amaze kuzuzwa ibyangombwa bisabwa kuri icyo serivisi, ndetse n'uwo yakwiyambaza kugira ngo arenganurwe aramutse adahawe serivisi yashakaga cyangwa atakiriwe uko bikwiriye.

Ishyirwa ahagaragara ry'iki gitabo ni kimwe mu bimenyetso byerekana ko Rwanda Teachers College iha agaciro kandi yimakaje umuco wo kwakirana urugwiro abatugana no kubaha serivisi inoze.

Murakoze!



Dr. Charles GAHIMA

Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Teachers College



INTANGIRIRO

Rwanda Teachers College (RTC) ni rimwe mu mashuri ya Leta y'u Rwanda yo ku rwego rw'amashuri makuru, rikaba rihereye mu Murenge wa GAHINI, Akarere ka KAYONZA, mu Ntara y'IBURASIRAZUBA.

Iri shuri rigitangira ryabanje kwitwa « Rukara College of Education » hashingiwe ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 14 Nzeri 2007. Ryatangijwe mu rwego rwo gushaka abarimu bazigisha mu mashuri ya Gahunda y'Amashuri y'Ibanze y'Imyaka icyenda ; rikaba ryarakiriye abanyeshuri ba mbere muri Nzeri 2008.

Mu rwego rw'imivugururire y'imikorere n'imiterere y'ibigo bya Leta hagamijwe kunoza imicungire yabyo no gushaka uko byarushaho kugera ku ntego zabyo habayeho guhuza ubushobozi bwabyo bushingiye ku mutungo w'amafaranga, ibikoresho ndetse n'abakozi, Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 16 Ukuboza 2010 yemeje ko amashuri y'inderabarezi ya Rukara na Kavumu ahuzwa agakora ishuri rimwe ryitwa " Rwanda Teachers College (RTC)" rikagira icyicaro i Rukara.

Rwanda teachers College ni ishuri rigamije kwigisha abarimu babigize umwuga bategurirwa kuzigisha amasomo y'indimi, imbonezamubano ndetse n'ay'ubumenyi mu cyiciro rusange cy'amashuri y'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka Cumi n'Ibiri. Umunyeshuri wize neza akarangiza nyuma y'imyaka ibiri ahabwa impamyabumenyi mu burezi (Diploma in Education with QTS).

II. Icyerekezo n'intego bya Rwanda Teachers College

Icyerekezo (vision) cya Rwanda Teachers College ni "Ukuba ikigo ntangarugero mpuzamahanga mu gutanga ubumenyi mu byo kwigisha no gukora ubushakashatsi".

III. Intego ya Rwanda Teachers College

Rwanda Teachers College ifite intego (mission) yo *"gutanga ubumenyi bwimbitse mu byo kwigisha ku buryo abahize basohoka basobanukiwe bihagije n'umwuga wo kwigisha, kuba ari abarezi bakunda umwuga wabo kandi bafite ubushake bwo guhanga ibyatuma inyigisho batanga zigira impinduka nziza ku by'igihugu cyacu gikeneye kugira ngo kirusheho gutera imbere"*.

IV. Indangagaciro za Rwanda Teachers College

Indangagaciro za Rwanda Teachers College ni :

- Ubwitange mu kazi
- Kudatonesha
- Ubufatanye
- Gukorera mu mucyo

- Guhanga
- Kwitanga
- Umurimo unoze kandi wihuse
- Guhozaho mu kwiyungura ubumenyi

V. Ibikorwa by'ingenzi Teachers College igamije (objectives)

Muri rusange, turashaka ko :

1. Rwanda Teachers College iba ikigo ntangarugero mu byo kwigisha, mu bushakashatsi no mu by'imbonezamubano ku rwego rw'akarere n'urw'isi;
2. Kugeza ku banyeshuri ryigisha gahunda z'uburezi bufite ireme zituma bamenya neza umwuga wo kwigisha kandi bakarushaho kugira ubushobozi bwo gutekereza bya gihanga;
3. Gushyiraho gahunda y'igihe kirekire yo gushaka abakozi bashoboye kandi bahagije;
4. Gutangira gahunda yo kwigisha mu mpera z'icyumweru no mu biruhuko hagamijwe gufasha abarimu bo mu mashuri abanza kongera ubumenyi n'ubushobozi;
5. Gushyiraho gahunda ya nimugoroba yo kwigisha ururimi rw'Icyongereza n'ikoranabuhanga ku bantu baturaye ikigo babyifuza.

VI. SERIVISI ZITANGWA NA RWANDA TEACHERS COLLEGE (RTC)

VI. Serivisi zitangwa n'Ubuyobozi bushinzwe Amasomo no Kwemerera Abanyeshuri

VI.1. Kwemerera abanyeshuri bashaka kwiga muri RTC

<p>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</p>	<p><i>RTC yakira abanyeshuri barihirwa na Leta n'abirihira mu mashami akurikira haba muri Gahunda y'Iminsi y'Amasomo Isanzwe cyangwa iyo mu Mpera z'Icyumweru n'Ibiruhuko:</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Igifaransa-Icyongereza n'Uburezi (FEE)</i> ▪ <i>Ikinyarwanda-Icyongereza n'Uburezi(KEE)</i> ▪ <i>Igiswayire –Icyongereza n'Uburezi (SEE)</i> ▪ <i>Amateka-Ubumenyi bw'Isi n'Uburezi(HGE)</i> ▪ <i>Guhanga Imirimo n'Uburezi (ENE)</i> 								
<p>Iyi serivisi itangwa ryari?</p>	<p><i>Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, kuwa saa moya kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba.</i></p>								
<p>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</p>	<p><i>Abanyeshuri barihirwa na Leta boherezwa n'Ikigo Gishinzwe Uburezi bw'Igihugu. Biyandikisha guhera muri Gicurasi kugeza muri Nyakanga.</i></p> <p><i>Abashaka kwiga birihira bakurikira Gahunda y'Iminsi y'Amasomo Isanzwe batanga amadosiye abisaba guhera mu ntangiriro z'ukwezi kwa Nyakanga. Abatoranyijwe biyandikisha guhera mu mpera z'ukwezi kwa Nyakanga.</i></p> <p><i>Abanyeshuri bose biga muri gahunda ihoraho batangira amasomo muri Nzeri.</i></p> <p><i>Abashaka gukurikira Gahunda y'Impera z'Icyumweru n'Ibiruhuko babisaba guhera muri Nzeri kugeza mu Ukwakira. Abatoranyijwe biyandikisha guhera mu Ugushyingo kugeza mu Ukuboza. Amasomo atangira muri Mutarama.</i></p> <p><i>Abanyeshuri bimukira mu wundi mwaka bagomba kuba barangije kwiyandikisha mbere y'iminsi itatu kugira ngo amasomo atangire.</i></p>								
<p>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</p>	<p><i>Iyi serivisi yishyurwa ku buryo bukurikira:</i></p> <table border="1" data-bbox="638 1633 1503 1831"> <tr> <td data-bbox="638 1633 954 1717"><i>Amafaranga atangwa</i></td> <td data-bbox="954 1633 1182 1717"><i>Icyo atangirwa</i></td> <td data-bbox="1182 1633 1503 1717"><i>Uyatanga</i></td> </tr> <tr> <td data-bbox="638 1717 954 1831"><i>5000 frw</i></td> <td data-bbox="954 1717 1182 1831"><i>Kwiga idosiye</i></td> <td data-bbox="1182 1717 1503 1831"><i>Umunyeshuri wirihira; icyitonderwa : urihirwa na Leta ntayo</i></td> </tr> </table>			<i>Amafaranga atangwa</i>	<i>Icyo atangirwa</i>	<i>Uyatanga</i>	<i>5000 frw</i>	<i>Kwiga idosiye</i>	<i>Umunyeshuri wirihira; icyitonderwa : urihirwa na Leta ntayo</i>
<i>Amafaranga atangwa</i>	<i>Icyo atangirwa</i>	<i>Uyatanga</i>							
<i>5000 frw</i>	<i>Kwiga idosiye</i>	<i>Umunyeshuri wirihira; icyitonderwa : urihirwa na Leta ntayo</i>							

			atanga
	30000 frw	kwiyaandikisha	Buri munyeshuri yaba urahirwa na Leta cyangwa uwirihira
	3000 frw	Ubwisungane mu Kwivuza	Umunyeshuri urahirwa na Leta n'uwirihira ukurikira Gahunda y'Amasomo y' Iminsi Isanzwe bonyine.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<p><i>Mu kwiyaandikisha hasabwa :</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Fotokopi ebyiri z'impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye ziriho umukono wa noteri ▪ Fotokopi y'indangamuntu ▪ Amafoto abiri magufi ya vuba ▪ Urupapuro rwa banki rwishyuriweho amafaranga yo kwiyaandikisha ▪ icyemezo cya muganga wemewe na Leta <p><i>Ku bashaka kwiga birihira, mu gusaba umwanya hasabwa :</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Fotokopi ebyiri z'imyamyabumenyi y'amashuri yisumbuye. Usaba agomba kuba afite amasomo nibura abiri ahuye n'ibyo ashaka kwiga yatsinze cyane; ▪ Fotokopi y'indangamuntu; ▪ Amafoto abiri magufi ya vuba; ▪ Urupapuro rwa banki rwishyurweho amafaranga yo kwiga dosiye; ▪ icyemezo cya muganga wemewe na Leta. 		
Binyura mu zihye nzira kugira ngo uyihabwe?	<p><i>Niba uri umunyeshuri uziga urahirwa na Leta ukaba ushaka kwiyaandikisha,</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Jya ku Biro by'Umucangamari umuhe urupapuro rwa banki wishyuriyeho amafaranga yo kwiyaandikisha; na we araguhira urupapuro rwerekana ko yakiriye urupapuro wishyuriyeho ; ▪ Jyana rwa rupapuro mu Biro by'Umukozi ushinze Kwandika Abanyeshuri kugira ngo aguhe ifishi yo kwiyaandikisha maze uyuzuze; ▪ Niba urangije baraguhira urupapuro rwemeza ko wemewe nk'umunyeshuri kandi ko wiyandikishije. <p><i>Niba ushaka kuziga wirihira,</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Andikira urwandiko rubisaba rwandikirwa Umuyobozi Wungirije ushinze Amasomo ushyireho 		

	<p><i>ibyangombwa byose bisabwa nk'uko byagaragajwe haruguru;</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Niba dosiye yawe yuzuye yitange mu Biro by'Umukozi ushinzwe Kwandika Abanyeshuri; arakwereka urupapuro rwabigenewe wiyandikeho maze usinye;</i> ▪ <i>Urangije uzajye ukurikirana ko urutonde rw'abatoranyijwe bujuje ibisabwa rwashyizwe ahagaragara. Bizanyuzwa mu bitangamakuru, ku mbuga ya interineti www.rtc.ac.rw n'ahasanzwe hamanikwa amatangazo. Uru rutonde rushyirwa ahagaragara nyuma y'icyumweru kimwe uhereye ku itariki bahagarikiyeho kwakira amadosiye.</i> <p><i>Mu kwiwandikisha :</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Niba uri ku rutonde rw'abatoranyijwe, jya kwishyura amafaranga yo kwiwandikisha maze uzane uruparuro wishyuriyeho uruhe Umucungamari na we aguhe icyemezo cy'uko wishyuye;</i> ▪ <i>Urangije urajyana icyo cyemezo ku Biro by'Umukozi ushinzwe Kwandika Abanyeshuri aguhe ifishi wuzuzwa ;</i> ▪ <i>Urangije araguha urupapuro rwemeza ko wemerewe kwiga kandi ko wiyandikishije;</i> ▪ <i>Uzakurikirane itangazo rimenyesha itariki yo gutangira amasomo. Rizanyuzwa mu bitangamakuru, ku mbuga ya interineti rinashyirwe ahasanzwe hamanikwa amatangazo.</i>
<p>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</p>	<p><i>Unyura kuri Banki ya Kigali kwishyura amafaranga ya serivisi ushaka. Numero ya konti ya Rwanda Teachers College ni 00059-0305832-13.</i></p>
<p>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</p>	<p><i>Ibibazo bitabonewe ibisubizo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi Ushinzwe Amasomo no Kwemerera Abanyeshuri .</i></p>
<p>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyi serivisi?</p>	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Ushobora gusura urubuga rwa interineti www.rtc.ac.rw ukabonaho amakuru ahagije ;</i> ▪ <i>Umunyeshuri ushaka kwiwandikisha kandi igihe cyagenwe cyararenze acibwa amafaranga y'ubukererwe 5000 niba cyongeweho kitararangira;</i> ▪ <i>Iyo amasomo yamaze gutangira nta munyeshuri wemererwa kwiyandikisha.</i>

Impapuro zuzuzwa	<i>Impapuro zuzuzwa ziboneka mu Buyobozi bushinzwe Amasomo no Kwemerera Abanyeshuri.</i>
Ibyangombwa n'amategeko	bisabwa <i>Amategeko agenga Abanyeshuri</i>

VI.2. Gutanga impapuro zirebana n'imyigire y'abanyeshuri n'izindi bakenera

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Iyi serivisi ihabwa umunyeshuri wa RTC n'uwigeze kuba we.</i>
Serivisi itangwa ryari?	<i>Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Ibyangombwa usaba biboneka umunsi wabisabiyeho mu gihe ibyangombwa watanze byuzuye.</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>Iyi serivisi ntiyishyurwa</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Fotokopi y'indangamuntu</i> ▪ <i>Amafoto abiri magufi ya vuba</i>
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Jya ku Biro by'Ushinzwe Kwandika; Abanyeshuri utange idosiye yawe;</i> ▪ <i>Niba watanze idosiye yuzuye urategereza isaha imwe maze icyangombwa ushaka ugihabwe.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi).	<i>Banki ya Kigali</i>
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi cyangwa utakiriwe neza?	<i>Ushobora kwiyambaza Umuyobozi ushinzwe Amasomo no Kwemerera Abanyeshuri, byakwanga ukareba Umuyobozi Wungirije ushinzwe Amasomo.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Ushobora gusura urubuga rwa interineti www.rtc.ac.rw</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Fishi biyandikishirizaho</i>
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	<i>Amategeko agenga abanyeshuri</i>

VI.3. Ibibazo byo gucikanwa gukora ibizamini cyangwa ayandi masuzumabumenyi yakozwe no gusaba kongera gukosorwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Umunyeshuri wese utarakoze ibizamini, isuzumabumenyi runaka afite impamvu ifatika cyangwa se akaba atishimiye uburyo yakosowe, afite uburenganzira bwo gusaba ikizamini kihariye cyangwa irindi suzumabumenyi. Ashobora kandi gusaba ko ikayi ye y'ikizamini yongera gukosorwa mu gihe atemera amanota yabonye.</i>
Serivisi itangwa ryari?	<i>Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba.</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Iminsi ibiri</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>Iyi serivisi ntiyishyuzwa</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Ibaruwa isaba uburenganzira bwo guhabwa ikizamini kihariye yandikirwa Umuyobozi w'Ishami ry'Uburezi</i> ▪ <i>Fotokopi y'ikarita iranga umunyeshuri</i> ▪ <i>Impapuro zerekana ko ibyo uvuga ari ukuri.</i>
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	<i>Gutanga urwandiko rusaba iyi serivisi mu Biro by'Umuyobozi w'Ishami ry'Uburezi hanyuma ukagaruka gufata igisubizo bukeye ku munsu ukurikiyeho.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<i>Ntaho</i>
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Mu gihe utanyuzwe ushobora kwiyambaza Umuyobozi ushinze Kwandika Abanyeshuri no Kwemerera Abanyeshuri, byakwanga ukiyambaza Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Amasomo.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Ushobora gusura urubuga rwa interineti www.rtc.ac.rw</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Ntazo</i>
Impapuro zisabwa n'amategeko	<i>Amategeko agenga Abanyeshuri</i>

VI.4. Guha abanyeshuri ayandi makarita aranga umunyeshuri n'ay' ibizamini mu gihe babuze aya mbere.

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Umunyeshuri uwo ari we wese wataye ikarita y'umunyeshuri cyangwa imwemerera gukora ibizamini ashobora kwandika asaba iyindi.</i>
Serivisi itangwa ryari?B	<i>Kuwa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Ikarita y'umunyeshuri iboneka nyuma y'iminsi itatu naho iy'ikizamini itangwa uwo mwanya ikimara gusabwa.</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>Ntiyishuzwa</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<i>Fotokopi y'urupapuro wahawe umaze kwiyandikisha cyangwa ikindi cyangombwa kigaragaza ko uri umunyeshuri wa RTC.</i>
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Jya ku Biro by'Ubuyobozi bushinzwe Amasomo no Kwemerera Abanyeshuri maze uvuge icyo wivuzza;</i> ▪ <i>Tegereza akanya ubone indi karita y'ikizamini niba ari yo ushaka. Niba ari ikarita y'umunyeshuri yo uzayibona nyuma y'iminsi itatu.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<i>Ntazo</i>
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Iyo utanyuzwe ushobora kwiyambaza Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Amasomo ukabikora mu nyandiko cyangwa mukavugana.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Ushobora gusura urubuga www.rtc.ac.rw</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Ntazo</i>
Impapuro zisabwa n'amategeko	<i>Amategeko agenga Abanyeshuri.</i>

VI.5. Guha abanyeshuri barangije amashuri impamyabumenyi n'indangamanota zabo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Abanyeshuri barangirije muri Rwanda Teachers College bemerewe gusaba impamyabumenyi n'indangamanota zabo.</i>
Serivisi itangwa ryari?	<i>Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Ubihabwe ku munsu wabisabiyeho</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>Ntiyishuzwa</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Urwandiko rusaba impamyabumenyi cyangwa indangamanota</i> ▪ <i>Urupapuro rwa banki wishyuriyeho amafaranga 10000 frw niba mu gihe cyo gutanga impamyabumenyi ku mugaragaro utaratanze 20000frw y'ikanzu ;</i> ▪ <i>Urupapuro rwasinyweho na serivisi z'ikigo rwerekana ko nta deni cyangwa ikintu cy'umutungo w'ikigo ufite;</i> ▪ <i>Fotokopi y'indangamuntu.</i>
Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Jya ku Biro by'Ubuyobozi bushinzwe Amasomo no Kwemerera Abanyeshuri utange urwandiko wanditse hamwe n'ibindi byangombwa bisabwa;</i> ▪ <i>Tegereza isaha imwe uhabwe icyangombwa ushaka.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<i>Banki ya Kigali niba ugomba gutanga 10000 Frw nk'uko byasobanuwe haruguru.</i>
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Iyo utanyuzwe ushobora kwiyambaza Umuyobozi Ushinzwe Amasomo no Kwemerera Abanyeshuri. Iyo bidakunze wandikira Umuyobozi Wungirijwe Ushinzwe Amasomo cyangwa mukavugana.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Buri munyeshuri warangije ugomba guhabwa impamyabumenyi ku mugaragaro asabwa gutanga 10000 Frw yo gukodesha ikanzu yabigenewe asubizwa iyo yagaruye iyo kanzu, akanatanga umuzanzu wa 10000 Frw agenda mu myiteguro</i>

	<i>y'uwo munsu mukuru.</i> <i>Aya mafaranga yose ashyirwa kuri konti y'Ishuri nomero 00059-0305832 iri muri Banki ya Kigali.</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Ntazo</i>
Impapuro n'amategeko zisabwa	<i>Amategeko agenga Abanyeshuri.</i>

VI. 2. SERIVISI ZITANGWA N'IBIRO BY'UMUKURU W'ISHAMI RY'UBUREZI

VI.2.1. Gusaba uburenganzira bwo gusubika amasomo

<p>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</p>	<p><i>Umunyeshuri wiyandikishije wahuye n'ikibazo cyumvikana kimubuza gukomeza amasomo ashobora gusaba iyi serivisi.</i></p> <p><i>Icyo kibazo ni nk'icy'uburwayi, icy'imibereho mu muryango, icy'amikoro make n'ibindi. Iki kibazo kigomba kandi gusobanurwa neza mu rwandiko umunyeshuri yandika asaba gusubika amasomo.</i></p>
<p>Serivisi itangwa ryari?</p>	<p><i>Kuwa mbere kugeza ku wa gatanu, saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba.</i></p>
<p>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</p>	<p><i>Mu gihe ibyangombwa byuzuye, igisubizo kiboneka nyuma y'umunsi umwe.</i></p>
<p>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</p>	<p><i>Iyi serivisi ntiyishyurwa</i></p>
<p>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?</p>	<p><i>Urwandiko rwandikirwa Umukuru w'Ishami ry'Uburezi usobanura neza impamvu ushaka gusubika amasomo. Ugomba buri gihe kugaragaza nomero wiyandikishirijeho.</i></p>
<p>Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?</p>	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Kwandikira Umukuru w'Ishami ry'Uburezi uyitange mu biro bye maze baguhe ifishi yo kuzuza ukoremo ebyiri(imwe izaba iyawe indi ibikwe mu kigo) noneho uzitange mu biro hamwe n'urwandiko rwawe</i> ▪ <i>Tegereza byibuze amasaha abiri nyuma yaho ugaruke gufata igisubizo.</i>
<p>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</p>	<p><i>Isubikwa ry'amasomo ku mu nyeshuri wese urihirwa na Leta rigomba kumenyeshwa Ikigo Gishinzwe Uburezi bw'Igihugu (REB), kandi umunyeshuri ni we ugomba gukurikirana niba byarakozwe.</i></p>
<p>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</p>	<p><i>Ushobora kwiyambaza Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Amasomo mu gihe utanyuzwe na serivisi wahawe.</i></p>
<p>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</p>	<p><i>-Igihe cyemewe n'amategeko cyo gusubika amasomo ni umwaka umwe. Uwurengeje atakaza uburenganzira ku mwanya yari afite.</i></p> <p><i>-Gusoma Amategeko agenga Abanyeshuri no gusura buri</i></p>

	<i>gihe urubuga rwa interineti www.rtc.ac.rw</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Impapuro basabiraho gusubika amasomo</i>
Ibyangombwa n'amategeko	bisabwa <i>Amategeko agenga Abanyeshuri</i>

VI.2.2. Gusaba uburenganzira bwo gukora ibizamini cyangwa andi masuzumabumenyi byihariye

<p>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</p>	<p><i>Umunyeshuri wese utarashoboye gukora ikizamini cyangwa isumabumenyi runaka ku mpamvu ifatika nk'uko bikubiye mu Mategeko agenga Abanyeshuri yemerewe guhabwa iyi serivisi.</i></p>
<p>Serivisi itangwa ryari?</p>	<p><i>Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba</i></p>
<p>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</p>	<p><i>Umunsi umwe</i></p>
<p>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</p>	<p><i>Iyi serivisi ntiyishyurwa</i></p>
<p>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?</p>	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Ibaruwa isaba uburenganzira bwo gukora ikizamini kihariye cyangwa irindi suzumabumenyi cyangwa kongera gukosorwa;</i> ▪ <i>Icyemezo mpamo cy'uko ibyo usaba ari byo koko; urugero: urupapuro rwa muganga mu gihe wagize ikibazo cy'uburwayi, icyemezo cy'amavuko y'umwana niba byaratewe no kubyara.</i>
<p>Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?</p>	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Andikira urwandiko Umukuru w'Ishami ry'Uburezi</i> ▪ <i>Uzuza ifishi yabigenewe mo kopi ebyiri</i> ▪ <i>Jyana urwandiko wanditse, ifishi wujuje n'impapuro zisobanura ikibazo cyawe mu Biro by'Umukuru w'Ishami ry'Uburezi;</i> ▪ <i>Uzagaruka gufata igisubizo bukeye ku munsi ukurikiyeho.</i>
<p>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</p>	<p><i>Biterwa n'imiterere y'ikibazo cy'umunyeshuri n'impapuro zizamufasha gusobanura neza ikibazo cye.</i> <i>Urugero: Kujya kwa muganga wivurijemo cyangwa aho byariye, n'ibindi.</i></p>
<p>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</p>	<p><i>Uramutse utanyuzwe wakwiyambaza Umuyobozi Wungirije ushinzwe Amasomo.</i></p>

Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Gusoma Amategeko agenga Abanyeshuri kandi wasura urubuga rwa interineti www.rtc.ac.rw.</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Ziboneka mu Biro by'Umukuru w'Ishami ry'Uburezi</i>
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	<i>Amategeko agenga Abanyeshuri</i>

VI.2.3. Gutanga uburenganzira bwo guhindura gahunda yo gukurikirana amasomo

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Umunyeshuri wirihira afite uburenganzira bwo guhindura gahunda yo gukurikirana amasomo; ashobora gukurikira Gahunda y'Iminsi y'Amasomo Isanzwe cyangwa iy'Impera z'Icyumweru n'Ibiruhuko mu gihe afite impamvu yumvikana.</i>
Serivisi itangwa ryari?	<i>Ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, kuva saa moya kugeza saa kumi n'imwe zanimugoroba</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Ukwezi kumwe</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>Iyi serivisi ntiyishyurwa</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Ibaruwa yandikirwa Umukuru w'Ishami ry'Uburezi</i> ▪ <i>Kuzuzwa ifishi yabigenewe</i>
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Andikira Umukuru w'Ishami ry'Uburezi ibaruwa isaba guhindura gahunda yo gukurikirana amasomo;</i> ▪ <i>Uzuzwa Ifishi yabigenewe mo kopi ebyiri;</i> ▪ <i>Tanga urwandiko rwawe n'ifishi wujuje mu Biro by'Umukuru w'Ishami ry'Uburezi.</i> ▪ <i>Uzagaruka kureba igisubizo nyuma y'ukwezi.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<i>Ntazo</i>
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Utanyuzwe wakwiyambaza Umuyobozi Wungirije ushinze Amasomo ukabikora mu nyandiko cyangwa mukavugana.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<p><i>Kwandika usaba guhindura gahunda yo gukurikirana amasomo bikorwa byibuzwe hasigaye ukwezi kumwe ngo amasomo atangire.</i></p> <p><i>Guhindura gahunda yo gukurikira amasomo byemezwa</i></p>

		<i>n'Inama y'Ikigo Ishinzwe Amasomo n'Imyigire.</i>
Impapuro zuzuzwa		<i>Ziboneka mu Biro by'Umukuru w'Ishami ry'Uburezi</i>
Ibyangombwa n'amategeko	bisabwa	<i>Amategeko agenga Abanyeshuri</i>

VI.3. Serivisi zitangwa n'Ubuyobozi bushinzwe Imibereho Myiza y'Abanyeshuri

VI.3.1. Kubungabunga ubuzima bw'abanyeshuri no kubaha ubuvuzi bw'ibanze

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Umunyeshuri wese ugize ikibazo cy'uburwayi ahabwa ubuvuzi bw'ibanze
Serivisi itangwa ryari?	Iminsi yose y'akazi n'ikindi gihe cyose hari umunyeshuri ukeneye iyi serivisi. Umuforomo aboneka buri gihe mu minsi y'akazi n'ikindi gihe amenyeshajwe ko hari umunyeshuri ukeneye ubufasha.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Uwo mwanya
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	Ubwishyu buva ku Bwisungane bwo Kwivuza
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ikarita y'Umunyeshuri n'iy'Ubwisungane mu Kwivuza
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	Niba wumva urwaye, jya kureba Umuforomo wa RTC umubwire ikibazo ufite na we azagufasha uko bikwiye.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Kuri Banki ya Kigali kwishyura amafaranga y'Ubwisungane mu Kwivuza.
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Utanyuzwe wakwiyambaza Umuyobozi Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abanyeshuri, bidashobotse wareba Umuyobozi w'Ubutegetsi n'Imari.
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Ntabwo
Impapuro zuzuzwa	Impapuro zabigenewe ziboneka mu Biro by'Umukozi Ushinzwe Siporo n'Umuco no mu by'Umuforomo.

Ibyangombwa n'amategeko	bisabwa	Amategeko agenga Abanyeshuri
------------------------------------	----------------	------------------------------

VI. 3.2. Guha abanyeshuri amacumbi

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Ikigo umunyeshuri wese wiga ku buryo buhoraho cyangwa uwirihira ushaka icumbi mu kigo yandika abisaba.</i>
Serivisi itangwa ryari?	<i>Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, kuva isaa moya kugeza isaa kumi n'imwe za nimugoroba.</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Uwo mwanya</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>4000 Frw ku kwezi</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Urupapuro rwemeza ko wiyandikishije</i> ▪ <i>Urwandiko rusaba icumbi</i>
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	<p><i>Niba wifuza gucumbikirwa n'ikigo, andikira urwandiko Umuyobozi w'Imibereho Myiza y'Abanyeshuri mu gihe wararangije kwiyandikisha;</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Jyana urwo rwandiko mu Biro by'Umukozi ushinzwe Amacumbi;</i> ▪ <i>Uzategereza byibuze ibyumweru bibiri mbere y'itangira ry'amasomo;</i> ▪ <i>Ilisiti y'abemerewe amacumbi izashyirwa ahasanzwe hamanikwa amatangazo no ku rubuga rwa interineti www.rtc.ac.rw</i> ▪ <i>Niba waribonye ku ilisiti y'abemerewe amacumbi uzitwaze fotokopi y'urupapuro wahawe umaze kwiyandikisha;</i> ▪ <i>Uzitwaza kandi urupapuro rwa banki wishyuriyeho icumbi;</i> ▪ <i>Uzajya mu Biro by'Umucungamari utange urwo rupapuro rwa banki maze uhabwe icyemezo cy'uko wishyuye;</i> ▪ <i>Uzerekana icyo cyemezo ubone guhabwa urufunguzo rw'icyumba wagenewe.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura	<i>Banki ya Kigali</i>

igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Utanyuzwe wakwiyambaza Umuyobozi Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abanyeshuri, bidashobotse wareba Umuyobozi w'Ubutegetsi n'Imari.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Gusoma no kubahiriza ibikubiye mu nyandiko y'Amabwiriza agenga Amacumbi muri Rwanda Teachers College.</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Impapuro zabigenewe ziboneka mu Biro by'Umukozi Ushinzwe Siporo n'Umuco.</i>
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	<i>Amategeko agenga Abanyeshuri n'Amabwiriza agenga Amacumbi muri RTC.</i>

VI. 5.1. Serivisi zitangwa n’Isomero

VI.5.1. Gutiza no gutirura ibitabo

<i>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</i>	<i>Abanyeshuri n’abakozi ba RTC bafite uburenganzira bwo gutira ibitabo no kubitirura.</i>
<i>Serivisi itangwa ryari?</i>	<i>Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu kuva isaa moya kugeza isaa mbiri za nimugoroba no ku wa gatandatu kuva saa moya kugeza kugeza saa kumi n’imwe ndetse no ku cyumweru kuva saa mbiri kugeza saa saba.</i>
<i>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</i>	<i>Uwo mwanya</i>
<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</i> 	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Ntiyishyurwa</i>
<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?</i> 	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Nomero iranga umunyeshuri n’Inomero ya telefoni cyangwa kimwe muri byo.</i>
<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?</i> 	<p><i>Niba ushaka igitabo umarana igihe gito (udasohokana mu Isomero):</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Reba igitabo wifuza mu itonde ryakozwe n’Isomero rigaragaza ibitabo bihaboneka;</i> ▪ <i>Andika ku gapapuro kabigenewe amazina; y’umwanditsi w’igitabo n’inomero yacyo;</i> ▪ <i>Ako gapapuro uragaha umukozi w’Isomero maze utegereze akanya akurebere igitabo ushaka;</i> ▪ <i>Niba akiguhaye reba aho wicara habigenewe maze usome</i> ▪ <i>Nurangiza urasubiza igitabo umukozi w’Isomero mbere yo gusohoka.</i> <p><i>Niba ushaka igitabo uzamarana iminsi:</i></p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Reba icyo wifuza mu itonde ry’isomero rigaragaza ibitabo bihaboneka</i> ▪ <i>Andika ku gapapuro kabigenewe amazina y’umwanditsi w’igitabo ushaka n’inomero ikiranga;</i> ▪ <i>Ako gapapuro uragaha umukozi w’Isomero akigushakire ubone kuzuza ifishi batiriraho ibitabo ;</i> ▪ <i>Uzibuke gutirura icyo gihe bitarenze iminsi 15 niba ari igitabo gisanzwe cyangwa 30 mu gihe ari igitabo</i>

	<i>kiri mu ngeri z'ibitabo by'inkuru ndende.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<i>Ntazo</i>
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Utanyuzwe wakwiyambaza Umuyobozi w'Isomero, byakwanga ukareba Umuyobozi Wungirije ushinzwe Amasomo.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Ushobora kubona ibindi bitabo biboneka hifashishijwe uburyo bw'ikoranabunga. Reba http://www.perii.inasp.info</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Ifishi n'Igitabo by'Isomero byabigenewe</i>
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	<i>Amabwiriza agenga Isomero muri RTC.</i>

VI.5. Serivisi zitangwa n'Ibiro by'Umuhuzabikorwa wa Gahunda y'Imenyerezamwuga

VI.5.1. Gufasha abanyeshuri gukora imenyerezamwuga

<p>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</p>	<p>Imenyerezamwuga rikorwa na buri munyeshuri watsinze imbumba z'amasomo y'umwaka wa mbere n'ay'uwa kabiri abanziriza iyi gahunda.</p> <p>Ibiro by'Umuhuzabikorwa wa Gahunda ry' Imenyerezamwuga bifasha abanyeshuri muri ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Gusobanurira abanyeshuri uko gahunda y'imenyerezamwuga iteye n'uko igomba gukorwa; ▪ Gushyira abanyeshuri mu bigo by'amashuri; ▪ Kwakira no gukemura ibibazo abanyeshuri bahura na byo mu gihe cy' imenyerezamwuga; ▪ Guha abanyeshuri uburenganzira bwo gutanga ibitabo by'ubushakatsi banditse; ▪ Gusinyira abanyeshuri impapuro bakenera zirebana n'imenyerezamwuga.
<p>Serivisi itangwa ryari?</p>	<p>Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu kuwa isaa moya kugeza isaa kumi n'imwe za nimugoroba.</p>
<p>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</p>	<p>Uwo mwanya</p>
<p>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</p>	<p>Ntiyishyurwa</p>
<p>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?</p>	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Ifishi ya bigenewe yuzuzwa n'umunyeshuri ugomba kujya gukora imenyerezamwuga; ▪ Icyemezo cyo gutanga igitabo cy'ubushakashatsi cyanditswe n'umunyeshuri.
<p>Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?</p>	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Uzatoranya ikigo cy'ishuri wifuza gukoreramo imenyerezamwuga hashingiwe ku mabwiriza agenga iyi gahunda; ▪ Uramutse ugize ikibazo cyo kutabona ikigo cy'ishuri uzimenyerezamo wabibwira Umuhuzabikorwa wa Gahunda y'Imenyerezamwuga akabigufashamo; ▪ Icyemezo cyo gutanga igitabo cy'ubushakashatsi wanditse uzagihabwa ari uko warangije imenyerezamwuga neza kandi wanamurikiye ibiro

	<i>bibishinzwe igitabo cy'ubushakashatsi wakoze.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<i>Ntazo</i>
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Utanyuzwe wakwiyambaza Umukuru w'Ishami ry'Uburezi</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugirango ubone iyo serivisi?	<i>Imenyerezamwuga rimara amezi 6, kandi umunyeshuri uririmo akaba arihirwa na Leta agenerwa 20000 frw yo kumufasha mu mibereho.</i>
Impapuro zuzuzwa	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Amabwiriza arebana n'imenyerezamwuga;</i> ▪ <i>Inyandiko igaragaza umushinga w'ubushashatsi;</i> ▪ <i>Ifishi yuzuzwa n'umunyeshuri ugiye gukora imenyerezamwuga;</i> ▪ <i>Icyemezo cyo gutanga umushinga w'ubushakashatsi uzakora;</i> ▪ <i>Urwandiko rwemeza ko umunyeshuri yemerewe gukora imenyerezamwuga mu kigo agiyeho;</i> ▪ <i>Ifishi y'isuzuma A & B</i>
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	<i>Amategeko agenga Abanyeshuri.</i>

VI.6. Serivisi zitangwa n'Ubuyobozi bw'Ubutegetsi n'Imari

VI.6.1. Kwishyura inyemezabuguzi z'abahaye ikigo serivisi

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Abantu cyangwa ba rwiyemezamirimo bafite serivisi bahaye ikigo bishyurwa hashingiwe ku nyemezabuguzi batanze n'amasezerano y'akazi bakoze.</i>
Serivisi itangwa ryari?	<i>Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu kuwa isaa moya kugeza isaa kumi n'imwe za nimugoroba.</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Iminsi 5</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>Ntiyishyurwa</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Kopi enye z'inyemezabuguzi;</i> ▪ <i>Urupapuro rwasinywe n'impande zombi zifitanye amasezerano rwemeza ko serivisi yishyurizwa yahawe ikigo koko;</i> ▪ <i>Fotokopi y'amasezerano ajyana na serivisi yishyurizwa;</i> ▪ <i>Raporo yerekana ko imirimo cyangwa serivisi yishyurizwa yakozwe;</i> ▪ <i>Nomero ya konti ya banki y'uwishyuza;</i> ▪ <i>Kugaragaza aderesi uwishyuza abarizwaho (Nomero ya telefoni na na aderesi y'ubutumwa bunyuzwa kuri interineti niba ihari).</i>
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Jya mu Bunyamabanga Rusange bwa RTC utangeyo dosiye yawe yose nk'uko bigaragara haruguru;</i> ▪ <i>Niba ibyangombwa byawe byose byuzuye, uzategereza byibuze iminsi 5 kugira ngo ube wishyuwe.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi	<i>Ntazo</i>

byangombwa)	
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	<i>Utanyuzwe wakwiyambaza Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Teachers College ubinyujije mu nyandiko cyangwa mukavugana. Inyandiko yawe ushobora kuyinyuza kuri info@rtc.ac.rw.</i>
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	<i>Ushobora gusura urubuga rwa interineti www.rtc.ac.rw ukarushaho kubona amakuru ahagije.</i>
Impapuro zuzuzwa	<i>Ntazo</i>
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	<i>Igitabo gikubiyemo Amabwiriza agenga Imikoreshereze n'Imicungire y'Imari ya Leta.</i>

VI . 6.2. Gusubiza amafaranga yishyuwe bitari ngombwa

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	<i>Uwibeshye agashyira amafaranga kuri konti ya Rwanda Teachers College ashobora gusaba kuyasubizwa akurikije inzira ziteganywa n'amategeko.</i>
Serivisi itangwa ryari?	<i>Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu kuwa isaa moya kugeza isaa kumi n'imwe za nimugoroba.</i>
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	<i>Iminsi 5</i>
Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?	<i>Ntiyishyurwa</i>
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Urwandiko rusaba gusubizwa amafaranga rwandikirwa Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Teachers College;</i> ▪ <i>Urupapuro rwa banki rugaragaza koko ko watanze ayo mafaranga;</i> ▪ <i>Ikindi cyangombwa cyagufasha kwerekana ko ibyo uvuga ari byo koko niba gihari;</i> ▪ <i>Nomero ya konti yawe;</i> ▪ <i>Aderesi ubarizwaho (telefoni cyangwa aderesi inyuzwaho ubutumwa bwanditse kuri interineti).</i>
Binyura mu zihenzira kugirango uyihabwe?	<ul style="list-style-type: none"> ▪ <i>Jyana dosiye yawe mu Bunyamabanga Rusange bwa RTC, uyakiriye aragusinyira ko ayakiriye;</i> ▪ <i>Niba dosiye yawe yuzuye uzategereza byibuze iminsi 5 kugira ngo ubone igisubizo.</i>
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	<i>Ntazo</i>
